

**Ijambo rya Nyakubahwa Madame Jeannette Kagame mu Ihuriro
ry'Abanyeshuri Imbutu Foundation yafashije kwiga amashuri
yisumbuye mu myaka 15 ishize**

Petit Stade, 10 Kamena 2017

Ba Nyakubahwa ba Minisitiri,

Nyakubahwa Mayor w’Umujyi wa Kigali,

United Nations Acting Resident Coordinator,

Esteemed partners,

Barimu, Barezi,

Nshuti za Imbutu Foundation

Bana Bacu,

Mwaramutse,

Mbanje kubifuriza ikaze muri iri huriro ry’urubyiruko, aho twizihiza imyaka 15 Umuryango Imbutu umaze utanga ubufasha bwo kwiga ku banyeshuri biga mu mashuri yisumbuye.

Nyuma ya Jenoside twibuka muri iyi minsi, kongera kubaka u Rwanda ntabwo byari byoroshye. Mu bihe nk’ibyo, byari ngombwa ko habaho gutekereza ku bibazo byose byugarije Abanyarwanda kandi tukabishakira igisubizo kirambye.

Kimwe muri ibyo bisubizo ubuyobozi bw’ igihugu cyacu bwabonye, ni uguteza imbere uburezi n’uburere bw’abana b’Abanyarwanda. Cyane cyane ko mbere, uburenganzira bwo kwiga butabonwaga na bese. Hakozwe byinshi rero birimo kubaka amashuri, binyuze mu kwitanga kw’Abanyarwanda n’inshuti zacu maze abana batangira kugana ishuri ari benshi.

Nyuma yaho gato Imbuto Foundation yatangiye kubona amabaruwa menshi y’abana batishoboye, basaba gufashwa kwiga. Dutangira gutekereza icyo twakora ngo dutange umusanzu wacu.

Nicyo cyateye ababyeyi mubona hano n’abandi badahari, abariho n’abatakiriho, kwitaba ijwi rya Imbuto Foundation ryo kwita ku bana b’abahanga baturuka mu miryango idafite ubushobozi bwo kubishyurira amafaranga y’ishuri. Ibi twabitewe kandi n’ishyaka ryo gushyigikira gahunda Guverinoma yacu yari imaze gufata y’ **“Uburezi kuri bose”**. Dusanga rero nta mwana ukwiye kubura ayo mahirwe kuko avuka mu muryango utishoboye.

Mu mwaka wa 2003 nibwo iyi gahunda yatangiye hishyurwa amafaranga y’ishuri hagatangwa n’ubundi bumenyi bubafasha mu buzima busanzwe, aho bahurizwa mu ihuriro ngarukamwaka bakigishwa kuba urubyiruko rubereye igihugu.

Iwacu mu mbuto tugira intero igira iti: **“Imbuto itewe neza, ikuhirwa, ikitabwaho, igahabwa ibikenewe byose, irakura ikavamo igiti gitoshye – gikura kigahagarara neza, kikizihira abakireba”**. Aba bana mureba barimo ba Tetero, Semana na Iranzi turi kumwe hano ndetse n’abandi batabashije kuza, barezwe mu butatu bugizwe no guharanira kugira **Ubumenyi (Educate)**, **Ubufatanye (Engage)** no kubaka **Ubushobozi (Empower)**. Ibi bikaba bigaragarira mu buhamya tuza kumva aba bana batanga bw’aho bavuye n’aho bageze ubu.

Nyuma yo kurangiza kwiga amashuri yisumbuye kandi bishyize hamwe bashinga ihuriro **‘Edified Generation’** risubiza amaso inyuma rikazirikana ko hari abagikeneye gufashwa kwiga. Biyemeza gukusanya amafaranga yo kwishyurira abandi banyeshuri bakeneye ubufasha. Iri huriro rikora kandi ibindi bikorwa byo gushyigikira iterambere ry’uburezi, gushishikariza abana umuco wo gusoma n’ibindi.

Mu izina ry’ababyeyi n’abandi bose dufatanyaga muri iyi gahunda, nagira ngo mbashimire kandi ko mwiyejeje no gufata umwana umwe murihira binyuze mu Imbutu Foundation.

Bafatanyabikorwa bacu,

Ibi bigwi si ibyacu twenyine, tubikesha imikoranire myiza n’ibigo by’amashuri dukorana ndetse n’abandi bafatanyabikorwa batandukanye tugendana muri uru rugendo. **Ku bufatanye bwanyu twabashije gutanga “bourses” zirenga ibihumbi birindwi.** Turabashimira urukundo n’ishyamba mudahwema kugaragariza aba bana.

By’umwihariko dushimire abayobozi b’ibigo by’amashuri badufasha kumenya aba bana ndetse bagakomeza no kubaherekeza mu myigire n’imyitwarire myiza. Ibi binatwibutsa ko kurera bikwiriye kurenga gutanga ubumenyi gusa, bikagera no ku kumenya imibereho y’umwana wigisha.

Munyemerere kandi nshime abantu ku giti cyabo, imiryango n'ibigo bitandukanye dufatanya muri iyi gahunda kuva twatangira kugeza ubu. Nzirikana igikorwa cya mbere twakoze cyo gukusanya inkunga yo gufasha aba bana ndetse n'ibindi byagiye bikurikiraho. Mu izina ryanjye bwite n'Umuryango Imbuto Foundation ndabashimira byimazeyo uwo mutima w'Ubunyarwanda n'ubumuntu.

Nubwo ibyagezweho ari byinshi, ntitwakwirengagiza ko hakiri byinshi bigikwiriye kwitabwaho. Dukomeze gufashanya mu kureba n'ibindi bikorwa byafasha urubyiruko gukomeza kwiteza imbere.

Munyemerere ngire icyo mbwira abashyitsi turi kumwe uyu munsi batumva ururirimi rwacu.

Esteemed Partners,

We thank you for joining us on this momentous occasion, celebrating 15 years of the scholarship programme. Because of your contribution, in those years, thousands of lives have been forever changed for the better.

Today, you are surrounded by the many seeds you planted.

Today, these seeds are bearing their fruits because you understood the importance of supporting their education.

Today, these seeds are the ‘Edified Generation’ we celebrate, because together, we answered the call to bring to life the notion of *‘Education for all’*.

Indeed, we are all deserving of a fair chance at succeeding in life, and education has proved time and again, that it will lift and improve the lives of many.

I speak for all of us, when I say thank you for your drive in contributing to our country’s efforts to keep all our children educated.

Thank you for your unwavering dedication to their lives, and those of others you have unknowingly touched, simply by helping one.

Bana bacu dukunda,

N’ubwo igihugu gifite inshingano zo kubitaho ariko ndagira ngo namwe murusheho kugira uruhare ku bibakorerwa.

Iyo wumvise ubuhamya bwanyu mwese ubona akamaro ko kugira igihugu, kugira umuryango mwiza w’Abanyarwanda, maze namwe bibahe guhora iteka mutekereza muti “ ***Ese kugira igihugu kuri twe bitubwiye iki?***”. Nimukomeze kuba “ ***Urumuri rw’Urungano-Edified generation***” no mu zindi gahunda ziteza imbere igihugu cyacu cyane cyane urubyiruko nkamwe. N’ubwo hakiri abari ku ntebe y’ishuri, bamwe muri mwe mumaze gukura abandi barashatse. Ni ngombwa rero ko muhora iteka mutekereza kugira

umuryango ndetse no kuwuteganyiriza. Mukaba munazi neza ko mu byo tubatoza iteka habamo kwiyubaka birambye.

Hari byinshi mwakora bijyanye no gufasha abana aho mutuye kumenya agaciro kabo, guharanira kwiga no kwakira ibyo ababyeyi babo babasha kubona aho kwiyandarika. Mu bikorwa mutekereza murebe uko mwafasha abana bakigaragara ku mihanda. Mubafashe kugena umurongo mwiza w'ubuzima.

Turabasaba kandi kurushaho kumenyesha Imbuto Foundation amakuru yanyu, kuko ntabwo isano dufitanye rirangirana no kubafasha kwiga gusa, mujye mutubwira igihe hari igikorwa ndashyikirwa mwagezeho mwaba mukiga cyangwa mwararangije amashuri.

Sinasoza ntongeye kwibutsa ababyeyi uruhare rwabo mu guteganya imyigire y'abana. Abana ni amashami y'umuryango wanyu. Abanyarwanda babivuze neza bati: ***“Utazi umukungu, yima umwana”***. Duharanire kubitaho no kubarera neza kuko ejo ejo bundi bazavamo Abanyarwanda beza nabo barema umuryango ukomeza u Rwanda.

Bana bacu nagira ngo namwe mbibutse ko umubyeyi ahora iteka ari umubyeyi, ntawe umusimbura. Umubyeyi n'ubwo yaba adafite ubushobozi ntabwo asimburwa n'ugufasha cyangwa ukwitaho. Kugira amahirwe yo kwiga bikwiye kubaha ubushobozi bwo gufasha ababyeyi banyu mu buryo butandukanye aho kubasuzugura.

Tuzanyurwa no kubona mukomeza kuba urubyiruko rwihesha agaciro ariko cyane cyane rwibuka agaciro ko kugira igihugu n'ababyeyi bazima. Maze mugatsimbarara ku busugire bw'imiryango yanyu ndetse n'igihugu.

Reka nsoze mbashimira ko mwaje kwifatanya natwe muri ibi byishimo.

Mugire umunsi mwiza.